**Ihuriro ryatangije icyiciro cya 19 cy'amasomo y'urubyiruko rwiga mu Ishuri ry'Ihuriro ryigisha Politiki n'imiyoborere (Youth Political Leadership Academy)**



Kuri uyu wa kabiri tariki ya 25 Mata 2023, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryatangije icyiciro cya 19 cy'amasomo ahabwa urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki, rwiga mu Ishuri ry'Ihuriro ryigisha Politiki n'imiyoborere (Youth Political Leadership Academy/YPLA). Amasomo y'iki cyiciro yitabiriwe n'urubyiruko rwo mu Mujyi wa Kigali ruturaka mu Mitwe ya Politiki 11 igize Ihuriro, hakaba hitabiriye abasore n'inkumi 44.



Atangiza aya masomo, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, **Bwana GISAGARA Théoneste**, yashimiye Imitwe ya Politiki yohereje urubyiruko ruzakurikira aya masomo, buri Mutwe wa politiki ukaba warohereje abantu bane (babiri b'abahungu na babiri b'abakobwa). Yabwiye uru rubyiruko ko amasomo bitabiriye ari ingirakamaro kuko bayungukiramo ubumenyi bubafasha gutera imbere mu mwuga wa Politiki biyemeje.

Yavuze ko ishuri ry'Ihuriro 'Youth Political Leadership Academy' rigamije muri rusange kongerera Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo ubumenyi n'ubushobozi mu bya politiki n'imiyoborere; rikaba rifite **intego** zikurikira:

- Kubaka ubushobozi bw'urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki no kurushishikariza kwitabira umwuga wa politiki kugira ngo ruzavemo abayobozi b'ejo hazaza bashoboye;
- Gutegura urubyiruko kugira ngo rwitabire kujya mu myanya y'ubuyobozi mu Mitwe ya Politiki rubarizwamo no gufasha iyo Mitwe ya Politiki gutera imbere;
- Gufasha urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki kugira ubumenyi n'ubushobozi burufasha kugira uruhare rugaragara mu miyoborere myiza n'iterambere by'Igihugu.

Kugira ngo intego z'iri shuri zigerweho, hateguwe amasomo anyuranye ahabwa urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki. Amwe muri ayo masomo yibanda ku bumenyi

bw’ibanze muri Politiki, urubyiruko rw’u Rwanda rukaba rugomba gusobanukirwa icyo politiki ari cyo n’uburyo ifasha mu micungire n’imiyoborere by’Igihugu n’umuryango w’abantu muri rusange. Yabamenyesheje ko bazasobanurirwa ko u Rwanda rwahisemo kugendera kuri Politiki ishingiye ku Mitwe ya Politiki myinshi n’ibitekerezo bya politiki binyuranye ariko byose bikaba byubahiriza **Ihame ry’ubwumvikane n’ubumwe bw’Igihugu**.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Ihuriro yabwiye uru rubyiruko ko mu masomo baziga bazasobanurirwa uruhare rw’Imitwe ya politiki mu miyoborere n’iterambere rusange by’Igihugu. Uru rubyiruko kandi ruganira n’inzego zinyuranye, rugahabwa ibiganiro kuri politiki na gahunda za Leta. Muri izo nzego, zirimo SENA itanga ikiganiro ku Mahame Remezo u Rwanda rugenderaho, Minisiteri y’Ubumwe bw’Abanyarwanda n’Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) itanga ikiganiro kuri ‘Ndi Umunyarwanda’, Minisiteri y’Ubutegetsi bw’Igihugu (MINALOC) itanga ikiganiro ku Miyoborere y’u Rwanda Twifuza, Minisiteri y’Ubucuruzi n’Inganda (MINICOM) itanga ikiganiro ku kwihangira umurimo no gukoresha ibikorerwa mu Rwanda, n’Ikigo cy’Igihugu cy’Ubuzima (RBC) gitanga ikiganiro ku ngamba za Guverinoma zo gukumira no kurwanya ikoreshwa n’ikwirakwizwa ry’ibiyobyabwenge mu Rwanda, cyane cyane mu rubyiruko.

Yavuze ko abigisha mu ishuri ry’Ihuriro ‘Youth Political Leadership Academy’, ari abahanga bafite ubumenyi bukenewe kuri buri somo na buri kiganiro, bakaba babafasha kunguka byinshi mu mwuga wa politiki. Yababwiye ko uruhare runini ruzaba urw’abitabiriye amasomo. Abasaba kwigana umwete, bakitabira amasomo yose uko ateganyijwe, anabashishikariza gusoma kenshi kugira ngo bagire ubumenyi bwagutse.



Ishuri ry’Ihuriro ‘Youth Political Leadership Academy’ rimaze kugera ku musaruro ufatika, kuva ryatangira hamaze guhugurwa abantu 1,323, bagizwe na 50.4% b’igitsina gabo n’ab’igitsina gore 49.6%. Aba bose bakaba bari mu nzego zinyuranye z’ubuyobozi bw’Imitwe ya Politiki, abandi bari mu zindi nzego z’ubuyobozi bw’Igihugu.

Biteganyijwe ko amasomo y’icyiciro cya 19 azasoza tariki ya 16/6/2023, aho abayitabiriye bazasura Ingoro y’amateka y’urugamba rwo guhagarika Jenoside. Iyi ngoro ikaba iri mu nyubako y’Inteko Ishinga Amategeko ku Kimihurura. Bazasura kandi urwibutso rwa Jenoside rwa Rebero ruri mu Karere ka Kicukiro, ahashyinguye bamwe mu banyapolitiki bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994; bakaba barishwe bazira ibitekerezo byabo byo kwanga akarengane no kurwanya ingoma y’igitugu.

**Published 27 April 2023**